REPUBULIKA Y'U RWANDA

Kigali, kuwa…...../...../…....
Ref……...

FARG
Ikigega cya Leta cyo gushyigikira no gutera inkunga abatishoboye barokotse jenoside yakorewe Abatutsi
Tél: 3562
E-mail: info@farg.gov.rw.

ITANGAZO

Mu rwego rwo kubahiriza ibikubiye mu itegeko n° 81/2013 ryo kuwa 11/09/2013, rishyiraho Ikigega cya Leta cyo gushyigikira no gutera inkunga abatishoboye barokotse jenoside yakorewe Abatutsi, cyane cyane mu ngingo ya 6, ahavugwa inkunga FARG ishinzwe gutanga ndetse no mu ngingo ya 7, ahavugwa ibyiciro by'abagenerwabikorwa izo nkunga zigenewe;

Mu gukomeza kandi kubahiriza amabwiriza ya Nyakubahwa Ministiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu n°005-07.01-10 yo kuwa 26 ugushyingo 2011 agenga iyemezwa ry'abagenerwabikorwa ba FARG. Ubuyobozi bwa FARG *buramenyesha* ***"abarokotse jenoside basaba ubufasha bw'amafaranga y'urugendo mu gihe baje/bagiye kwivuza ku bitaro bikuru, badasanzwe baremejwe mu zindi gahunda" (Inkunga y'ingoboka, uburezi, amacumbi n'imishinga mito) FARG ifashamo abagenerwabikorwa bayo ko bagomba kwihutira kugeza ubusabe bwabo ku*** **buyobozi** ***bw'Akarere*** barokokeyemo kugira ngo bemezwe koko nk'abatishoboye muri iyo gahunda y'ubuvuzi maze bahabwe ***PIN*** (*nomero iranga umugenerwabikorwa wa FARG*). Tuboneyeho kandi kubamenyesha ko kuva **kuwa 01 UKWAKIRA 2019**, uzaba ataremezwa ngo ahabwe ***PIN*** atazashobora guhabwa ubufasha bwavuzwe haruguru ndetse n'ubundi bwihariye.

Ku bindi bisobanuro mwahamagara inomero itishyurwa 3562.

Bikorewe I Kigali, kuwa ..20../..08../2019

RUBERANGEYO Theophile

Umuyobozi Mukuru wa FARG